



Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
Akarere ka Nyamagabe

N0.013.../07.02.05

Nyamagabe, kuwa 04/03/2025

Madamu Guverineri w'Intara y'Amajyepfo

NYANZA

Impamvu: Kohereza ibyemezo by'inama idasanzwe y'Inama Njyanama

Madamu Guverineri,

Nejewe no kubohereza ku mugereka w'iyi baruwa ibyemezo by'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe yateranye ku wa 26 Gashyantare 2025.

Mbashimiye uko mubyakira.



UWAMAHORO Clotilde

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe

Bimenyeshejwe:

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

KIGALI

- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe

NYAMAGABE

IBYEMEZO BY'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE KU WA 26 GASHYANTARE 2025.

Ku wa 26 Gashyantare 2025, mu cyumba cy'Inama cy'Akarere ka Nyamagabe hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama iyobowe n'Umuyobozi wayo Madamu UWAMAHORO Clotilde.

Amaze gusuzuma ko umubare wa ngombwa wuzuye kugira ngo Inama Njyanama iterane, agasanga hitabiriye Abajyanama 16 kuri 17 bagize Inama Njyanama y'Akarere, Umuyobozi w'inama yatangiye inama kandi aranayiyobora.

Inama kandi yitabiriwe n'umuyobozi w'imirimo rusange mu Karere ka Nyamagabe, Abayobozi b'amashami hamwe na bamwe mu bakozi bakorera ku Karere ka Nyamagabe.

Umuyobozi w'inama yibukije abayitabiriye ingingo ziteganyijwe ku murongo w'ibyigwa zikurikira:

1. Gusuzuma no kwemeza ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Nyamagabe y'umwaka wa 2024-2025.
2. Gusuzuma no kwemeza tarif y'imisoro n'amahoro y'Akarere ka Nyamagabe y'umwaka wa 2024-2025.
3. Kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'itangwa ry'amasoko ya Leta y'umwaka wa 2024-2025 no kwemeza gahunda ivuguruye y'itangwa ry'amasoko ya Leta mu mwaka wa 2024-2025.
4. Kugezwaho no kwemeza raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza ku kibazo cy'isambu Bwana KANYAMARERE Janvier yagejeje ku Nama Njyanama

**IBYEMEZO BY'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE KU
WA 25 GASHYANTARE 2025.**

N°	INGINGO YIZWE	ICYEMEZO CYAFASHWE	UBURYO ICYEMEZO CYAFASHWE	UZAGISHYI RA MU BIKORWA	IGIHE KIZASHYIRIRWA MU BIKORWA
1.	Gusuzuma no kwemeza ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Nyamagabe y'umwaka wa 2024-2025.	Umuyobozi w'imirimo rusanze yagejeje ku Nama Nyanama ingengo y'imari ivuguruye aho ku ngengo y'imari isanzwe (recurrent budget) yari yemejwe n'Inama Nyanama ingana na miriyari makumyabiri n'umunani na miriyoni magana abiri na mirongo itandatu n'eshanu n'ibihumbi magana ane na mirongo ine n'amafaranga ijana na mirongo itatu n'atanu (28,265,440,135 FRW) hagabanutseho amafaranga angana na miriyoni cumi n'ebiyiri n'ibihumbi Magana atatu na mirongo irindwi na bine n'amafaranga Magana cyenda n'icyenda (12,374,909 FRW), bityo ingengo y'imari isanzwe mu kuyivugurura ikaba ingana na miriyari makumyabiri n'umunani na miriyoni Magana abiri na mirongo itanu n'eshatu n'ibihumbi mirongo itandatu na bitanu n'amafaranga Magana abiri na makumyabiri	Ubwumvikane busesuye	Komite Nyobozi	Bikimara kwemezwa



	<p>n'atandatu (28,253,065,226 FRW) muri rusange ikaba yaragabanutse ku kigero cya 0.04%. Ingengo y'imari y'iterambere (Development budget) yari yemejwe n'Inama Njyanama yanganaga na miriyari cumi n'imwe na miriyoni Magana atandatu n'icyenda n'ibihumbi Magana atatu na mirongo itatu na bitanu n'amafaranga Magana atanu na mirongo irindwi n'arindwi (11,609,335,577FRW) ikaba yariyongereyeho amafaranga angana na miliyari imwe na miriyoni Magana arindwi na mirongo ine n'imwe n'ibihumbi Magana atandatu na mirongo itatu n'amafaranga Magana atandatu (1,741,630,600 FRW) bituma ingengo y'imari y'iterambere igera kuri miriyari cumi n'eshatu na miriyoni Magana atatu na mirongo itanu n'ibihumbi Magana cyenda na mirongo itandatu n'atandatu n'amafaranga ijana na mirongo irindwi n'arindwi (13,350,966,177 FRW); muri rusange Ingengo y'imari y'iterambere ikaba yariyongereye ku kigero cya 15%.</p>			
--	--	--	--	--

Inama Njyanama imaze kungurana ibitekerezo



	<p>ku mpinduka zabaye ku ngengo y'imari yose yari yaremejwe n'Inama Njyanama y'Akarere yanganaga na miliyari mirongo itatu n'icyenda na miriyoni Magana inani na mirongo irindwi n'enyere n'ibihumbi Magana arindwi na mirongo irindwi na bitanu n'amafaranga Magana arindwi na cumi n'abiri (39,874,775,712 FRW) yemeje ingengo y'imari y'Akarere ka Nyamagabe ivuguruye ingana na miriyari mirongo ine n'imwe na miriyoni Magana atandatu n'enyere n'ibihumbi mirongo itatu na kimwe n'amafaranga Magana ane n'atatu (41,604,031,403 FRW). Ingengo y'imari ivuguruye yose yiyongereye ku kigero cya 4.34%.</p>				
2	<p>Gusuzuma no kweemeza tarif y'imisoro n'amahoro y'Akarere ka Nyamagabe y'umwaka wa 2024-2025.</p>	<p>Inama Njyanama yemeje tarifu ivuguruye y'imisoro n'amahoro y'Akarere ka Nyamagabe y'umwaka wa 2024-2025.</p> <p>Impinduka zemejwe muri tarifu ni izi zikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> ● Amaherena y'amatungo agurwa amafaranga 700 Frw ku iherena. ● Igiciro cy'inka iraye mu isoko mu gihe ryarangiyeye ni 1,000 Frw ku nka ku ijoro. 	<p>Ubwumvikane busesuye</p>	<p>Komite Nyobozi</p>	<p>Bikimara kweemezwa</p>



	<p>Umutekano w'inika zasigaye mu isoko ukomeza gucungwa na nyir'inika.</p>			
<p>3 Kungurana ibitekerezo ku ishyingirwa mu bikorwa ry'itangwa ry'amasoko ya Leta y'umwaka wa 2024-2025 no kwemeza gahunda ivuguruye y'itangwa ry'amasoko ya Leta mu mwaka wa 2024-2025.</p>	<p>Ishingiyeye ku itegeko n° 031/2022 ryo ku wa 21/11/2022 rigenga amasoko ya Leta cyane cyane mu ngingo yaryo ya 15 irebana n' inshingano z'Inama Nyanama, iz'Inama y'Ubuyobozi n'iz'inzego zikora nkayo mu itangwa ry'amasoko ya Leta; imaze gusuzuma gahunda ivuguruye y'amasoko ya Leta mu Karere ka Nyamagabe, imaze kandi kuyunguranaho ibitekerezo, Inama Nyanama y'Akarere ka Nyamagabe yemeje gahunda y'igenamigambi rivuguruye ry'itangwa ry'amasoko ya Leta mu Karere ka Nyamagabe, aho amasoko yavuye kuri 82 akaba amasoko 93; bivuze ko mu igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta y'umwaka wa 2024-2025 hiyongereyemo amasoko 11 akurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> ● Supply of Medical Equipment in Nyamagabe Maternity (48,957,573 FRW) 	<p>Ubwunvikane busesuye</p>	<p>Komite Nyobozi</p>	<p>Bitarenze ku wa 30/06/2025</p>



	<ul style="list-style-type: none"> ● Supply of Student desks and Teacher's chair in the constructed of classroom in Kitabi and Nkomane sector under RDB revenue sharing (16,940,131 FRW) ● Construction of Warehouse for supporting farmers (COOPROSENYA) in Irish potatoes seed storage in UWINKINGI sector under RDB Revenue Sharing (60,577,400 FRW) ● Construction of classrooms and Latrines in Kitabi and Nkomane sector under RDB revenue sharing (152,543,988 FRW) ● Hiring a company for sonorisation service in Nyamagabe District (4,930,000 FRW) ● Supply of Furniture(Desks, Tables& Chairs) (20,836,260 FRW) ● Supply and Fix Window and Doors in Classrooms (17,127,058 FRW) ● Supply of Personnel Protective(PPE) (750,000 FRW) ● Publishing Imihigo achievements through Documentary film, Dashboard and booklets 			
--	--	--	--	--



	<p>(765,000 FRW)</p> <ul style="list-style-type: none"> ● Conduct Full feasibility study for integrated craft production center(ICPC) TARE (18,000,000 FRW) ● Conduct Full feasibility study for construction of Bugarama Medicalized Health Center (30,000,000 FRW) 			
4	<p>Kugezwaho no kwemeza raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza ku kibazo cy'isambu Bwana KANYAMARERE Janvier yagejeje ku Nama Nyanama</p>	<p>Ubwumvikane busesuye</p>	<p>Komite Nyobozi</p>	
	<p>Inama Nyanama yasuzumye raporo ya Komisiyo y'imiyoborere myiza ku kibazo cya Bwana KANYAMARERE Janvier wandikiye Inama Nyanama asaba gusubizwa isambu y'umuryango wa KABANGO avuga ko iri mu Karere ka Nyamagabe, mu Murenge wa Gatare, Akagali ka Gatare.</p> <p>Imaze gusuzuma no gusesengura raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere myiza kuri icyo kibazo, imaze kandi gusuzuma icyemezo cy'Inama</p>			



	<p>Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe yateranye ku wa 25 Werurwe 2007, umwanzuro wa mbere w'ingingo ya III, yerekeranye no gusuzuma raporo ku kibazo cy'amazu yubakiwe abatujwe mu mirengye ya Gatare na Buruhukiro bavuye muri Gishwati, maze hemezwa ko "Abagurishije n'abaguze amazu, amasambu cyangwa inka bahawe, bazabyamburwa bihabwe abandi, bo bihombere." Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe yafashe imyanzuro ikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> ● Ubusabe bwa Bwana KANYAMARERE Janvier nta shingiro bufite; ● Inama Njyanama isanga umuryango wa KABANGO waratakaje uburenganzira ku butaka mu buryo no mu nzira bigaragara muri raporo irambuye ya Komisiyo kuri iki kibazo, iri ku mugereka w'ibi byemezo. 			
--	--	--	--	--

Inama Njyanama yatangiye imirimo yayo saa yine n'iminota mirongo ine n'ine (10:44) iyirangiza saa munani n'iminota mirongo itatu n'itanu (14:35)

Umwanditsi w'Inama




Digitally signed by
Abraham UWIMANA
Date: 2025.03.01
04:31:49 +02'00'

UWIMANA Abraham

Umunyamabanga w'Inama Nyanama

y'Akarere ka Nyamagabe

Umuyobozi w'Inama



UWAMAHOHO Clotilde

Umuyobozi w'Inama Nyanama

y'Akarere ka Nyamagabe





Rwanda
Inyamba y'U Rwanda
Inyamba y'Abanyarwanda
Amurikira Nyamagabe

LISTE Y'ABANYANAMA BITABIRIYE INAMA IDASANZWE Y'INAMA NYANAMA YATERANYE KU WA 26/02/2025

N° ANAZA	IGITSINA	TELEFONE	EMAIL	UMUKONO
1. NUSONSABA Nabia	F	0785751118	nsaba3035@gmail.com	
2. NUSONSABA Gilbert	M	0781439560	gilbertnusi@nyirama22@gmail.com	
3. ZIZIYAKA Estelle	M	0788525183	ziziya@nyirama22@gmail.com	
4. MUTAKAZO Gohide	F	0782469119	gohide@nyirama22@gmail.com	
5. KABANDONA Louis	M	0788521929	louis@nyirama22@gmail.com	
6. UMUGAYIRE Felix	F	0788566034	umugayire@nyirama22@gmail.com	
7. MUNYENTARANA Amstade	M	0783699692	munyentarana@nyirama22@gmail.com	
8. MURINDA Shushe	M	0788570731	murinda@nyirama22@gmail.com	



Repuburika y'u Rwanda
Minisiteri y'Amashuri
Akarete ka Nyamagabe

LISTE Y'ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA IDASANZWE Y'INAMA NYANAMA YATERANYE KU WA 26/02/2025

N° AMAZINA	IGITSINA FM	TELEPHONE	EMAIL	UMUKONO
9 Umuhanuzi Basha	F	0788403214	19790@gmail.com umuhanuzibasha@gmail.com	
10 Igabo Bwita JK	F	0788724532	uwagabo2003@gmail.com	
11 Hildebrand Niyemwugoré	M	0783045115	niyemwugoré@nyamagabe.gov.rw	
12 Naisi Louise Niyemwugoré	F	0785533036	niyemwugoréloise@gmail.com	
13 Dr Mugisha Pfaon	M	0788286910	mugisha1987@gmail.com	
14 Umuhanza Abraham	M	0781145405	umuhanzaabraham@gmail.com	
15 M. Mungwana G. Pascal	M	0788303205	mungwana@gmail.com	
16 Nyirantagorama M. Justin	F	0783288884	nyirantagorama@gmail.com	

**REPUBLIKA Y'U RWANDA
REPUBLIC OF RWANDA
RÉPUBLIQUE DU RWANDA**



**AKARERE KA NYAMAGABE
DISTRICT OF NYAMAGABE
DISTRICT DE NYAMAGABE**

**Icyemezo cy'Inama Njyanama N°29 cyo kuwa 26/02/2025
gishyiraho Ingengo y'Imari Ivuguruye y'Akarere y'Umwaka wa
2024/2025**

**The District Council Decision N°29 of 26/02/2025 Revising the
District Budget for the Fiscal Year 2024/2025**

**Décision du Conseil du District No 29 du 26/02/2025
Relative à la Révision du Budget du District pour l'Exercice Fiscal
2024/2025**

**INGENGO Y'IMARI IVUGURUYE Y'AKARERE KA
NYAMAGABE Y'UMWAKA WA 2024/2025**

**NYAMAGABE DISTRICT REVISED BUDGET
FOR FISCAL YEAR 2024/2025**

**BUDGET RÉVISÉ DU DISTRICT DE NYAMAGABE
POUR LA PÉRIODE DE L'EXERCICE FISCAL 2024/2025**

A handwritten signature in blue ink, consisting of a stylized 'R' followed by a flourish.

INSANGANYAMATSIKO:

**KWIHUTISHA ITERAMBERE RY'UBUKUNGU
RIRAMBYE BINYUZE MU GUHURIZA HAMWE IMARI YA
LETA IKORESHA NDETSE N'ISHORAMARI MU
GUHANGANA N' INGARUKA Z'IMIHINGURIKIRE
Y'IKIRERE NO KUGABANYA IBYUKA BYANGIZA
IKIRERE HAGAMIJWE KUZAMURA IMIBEREHO.**

**THEME: SUSTAINABLE ECONOMIC TRANSFORMATION
THROUGH FISCAL CONSOLIDATION AND INVESTMENT
IN CLIMATE CHANGE MITIGATION AND ADAPTATION
FOR IMPROVED LIVELIHOODS.**

**THÈME: TRANSFORMATION ÉCONOMIQUE
DURABLE PAR LA CONSOLIDATION FISCALE ET
L'INVESTISSEMENT DANS L'ATTÉNUATION ET
L'ADAPTATION AU CHANGEMENT CLIMATIQUE
POUR AMÉLIORER LES MOYENS DE SUBSISTANCE.**

ICYEMEZO CY'INAMA NJYANAMA N°	DISTRICT COUNCIL DECISION N°	DECISION DU CONSEIL DU DISTRICT
29 CYO KUWA 26/02/2025 GIHINDURA	29 OF 26/02/2025 REVISING THE	N° 29 DU 26 /02/ 2025 PORTANT
INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE KA	NYAMAGABE DISTRICT FINANCES	RÉVISION DES FINANCES DU
NYAMAGABE Y'UMWAKA WA	FOR THE FISCAL YEAR 2024/2025	DISTRICT DE NYAMAGABE POUR LA
2024/2025		PERIODE DE L'EXERCICE FISCAL
		2024/2025
Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka	The District Council Members of	Les membres du Conseil du District de
Nyamagabe Mu nama yabo yo kuwa	Nyamagabe District, in their session of	Nyamagabe en leur séance du 26/02/2025;
26/02/2025;	26/02/2025;	
Bashingiye ku Itegeko Ngenza N°	Pursuant to the Organic Law N°	Vu la Loi Organique n° 002/2022.OL du
002/2022.OL ryo Ku wa 12/12/2022	002/2022.OL of 12/12/2022 on Public	12/12/2022 portant gestion des Finances
ryerekeye Imicungire y'imari n'umutungo	Finance Management especially in its	publiques spécialement en son article 45,
Bya leta cyane cyane mu ngingo yayo ya 45,	article 45,	
Bashingiye ku Itegeko N° 048/2023 ryo ku	Pursuant to the Law No 048/2023 of	Vu la loi N°048/2023 du 05/09/2023
wa 05/09/2023 rigena inkomoko y'imari	05/09/2023 determining the sources of	déterminant les sources des revenus et du
n'umutungo by'inzege z'initegekere	revenue and property of decentralized	patrimoine des entités administratives
y'igihugu zegerejwe abaturage cyane cyane	administrative entities especially in its	déconcentrées notamment en ses articles 3,
mu ngingo yayo ya 3, iya 4, iya 5, iya 47,	articles 3, 4, 5, 47 and 57;	4, 5, 47 et 57 ;
n'ya 57;		

Bashingiye ku Itegeko N°065/2021 ryo ku wa 09/10/2021 rigenga Akarere cyane cyane mu ngingo yaryo ya 10;

Pursuant to the Law N° 065/2021 of 09/10/2021 governing the District especially in its article 10;

Vu la Loi N° 065/2021 du 09/10/2021 régissant le District spécialement en son article 10;

Bashingiye ku Iteka rya Minisitiri N° 007/07.01 ryo ku wa 13/07/2023 ryerekeye amategeko ngenamikorere ashyirwaho n'Inama Njyanama y'Akarere ;

Ministerial Order N° 007/07.01 of 13/07/2023 relating to rules of procedure established by the District Council;

Vu l'Arrêté Ministériel N° 007/07.01 du 13/07/2023 relatif au règlement d'ordre intérieur établi par le Conseil de District;

BEMEJE:

ADOPT:

ADOPTENT :

Ingingo ya mbere: Amafaranga ateganyijwe kwinjira

Article One: Expected revenues

Article premier: Ressources

Hakurikijwe Imbonerahanwe "A" ikurikira, amafaranga ateganyijwe kwinjira mu Ngenzo y'Imari Ivuguruye y'Akarere ka NYAMAGABE mu gihe cy'umwaka wa 2024/2025, ahwanye na MILIYARI MIRONGO INE N'IMWE NA MILIYONI MAGANA ATANDATU N'ENYE N'IBIHUMBI MAGANA ANE NA MIRONGO ITATU NA KIMWE N'AMAFARANGA MAGANA ANE N'ATATU Y'URWANDA (41,604,031,403 FRW).

In accordance with table "A" below, the expected total resources for the Revised District Budget of NYAMAGABE for the fiscal year 2024/2025 are valued at FORTY-ONE BILLION, SIX HUNDRED FOUR MILLION, THIRTY-ONE THOUSAND, FOUR HUNDRED THREE RWANDAN FRANCS (41,604,031,403 FRW).

Conformément au tableau "A" ci-après, le total des ressources du Budget Révisé du District de NYAMAGABE est évalué pour la période de l'exercice fiscal 2024/2025 à QUARANTE-FET-UN MILLIARDS SIX CENT QUATRE MILLIONS TRENTE-ET-UN MILLE QUATRE CENT TROIS FRANCS RWANDAIS (41,604,031,403 FRW).

Ibisobanuro birambuye byerekeye ateganyijwe Details of the tax and non tax revenues, Les détails des ressources provenant des taxes kwinjira mu Isanduku y'Akarere arimo akomoka grants from Central Government and other et non-taxes collectées par le District ainsi que ku misoro n'andi mafaranga yinjizwa n'Akarere. resources from donors are given in annex I les dons en provenance du Gouvernement inkunga ziva mu butegesi bwite bwa Leta ndetse of this Decision. Central et des autres bailleurs de fonds sont n'inkunga zituruka mu bandi baterankunga présentés en annexe I de la présente Décision. batandukanye, biri ku mugeruka wa mbere w'iki cyemezo.

Ayo mafaranga akwirakwije ku buryo These resources are allocated as follows: Ces recettes se répartissent comme suit :
bukurikira:

	Imbonerahamwe "A"	Table "A"	Tableau "A"	Umubare Amonsi Montant
	Amafaranga yinjira	RECEIPTS	Recettes	41,604,031,403
11	Imisoro	Tax Revenue	Impôts	460,747,331
111	Umusoro ku nyungu z'ubukode	Rental Income tax	Impôt sur le Revenu Locatif	25,359,456
113	Umusoro ku mutungo utimukanwa	Immovable Property Tax	Impôt sur les biens immobiliers	94,215,875
114	Umusoro w'ipatanti;	Trading licence tax;	Droit de patente;	341,172,000
14	Amahoro yakirwa n'Urwego rw'Imitegekere y'Igihugu Rwegerejwe Abaturage	Fees collected by a decentralized entity	Les frais perçues par une entité décentralisée	874,288,404
141	Amafaranga akomoka ku mutungo	Property Income	Revenus sur la propriété	0
142	Amafaranga akomoka ku bintu no ku mirimo ikorwa n'ubuyobozi	Sales of Goods and administrative Services	Vente de biens et services administratifs	829,023,287
143	Amafaranga akomoka ku bihano	Fines, Penalties, And Forfeits	Amendes, pénalités et confiscations	45,265,117
144	Impamo ziturutse imbere mu gihugu	Voluntary Transfers Other Than Grants	Autres dons provenant des organisations intérieurs	0

	Imbonerahamwe "A"	Table "A"	Tableau "A"	Umubare Amount Montant
147	Amafaranga akomoka ku mutungo w' Akarere wagurishijwe	Gain on disposal of assets	Profit sur cession de l'actif	0
13	Impano		Dons	38,158,063,076
137	Impano duhawe n' ibihugu zigenewe imishinga	Grants From Foreign Government	Dons des projets provenant des gouvernements extérieurs	0
138	Impano duhawe n' ibigo mpuzamahanga zigenewe imishinga	Grants From International Organizations	Dons des projets provenant des Organisations Internationales	0
139	Inkunga zigenewe ibikorwa byihariye	Block Grant transfers	Transferts non ciblés	3,527,303,106
139	Inkunga zigenewe ibikorwa byihariye	Earmarked transfers	Transferts ciblés	27,332,039,183
139	Izindi nkunga zikomoka mu nzego za leta n' amafaranga y' abaterankunga	Transfers from Other Government Agencies	Transferts d'autres agences gouvernementales	7,298,720,787
	Amafaranga azaturuka mu kugurisha imitungo	Proceeds from disposal of tangible fixed assets	Produit sur cession des actifs	0
31	Imari n' imigabane biri imbere mu gihugu	Domestic Financial Assets	Actifs financiers - Intérieurs	0
32	Imari n' imigabane biri hanze y' igihugu	Foreign Financial Assets	Actifs financiers - Extérieurs	0
33	Ibintu binyura mu bubiko	Inventory	Avoirs stockés avant consommation	0
34	Imitungo iramba kandi ifatika itari imari n' imigabane	Fixed tangible non-financial Assets	Immobilisations corporelles non financières	0
35	Imitungo iramba idafatika	Intangible Assets	Immobilisations incorporelles	0
	Inguzanyo	Loans	Emprunts	0
451	Inguzanyo z' igihe kirekire zimbere mu Gihugu	Non-Current Loans- Domestic Loans	Emprunts intérieurs	0
452	Inguzanyo z' igihe kirekire zivuye mu mahanga	External borrowing (Foreign Loans)	Emprunts extérieur	0
511101	Amafaranga yose atarakoreshejwe/yimukanwe	All unused funds/Closing Balances	Tous les fonds non utilisés / Soldes de clôture	2,110,932,592

Ingingo ya 2: Amafaranga ateganyijwe

gusohoka

Hakurikijwe imbonerahanwe "B" ikurikira, amafaranga ateganyijwe gukoresha mu ngengo y'imari y'Akarere ka NYAMAGABE mu mwaka wa 2024/2025 ahwanye na MILLIYARI MIRONGO INE N'IMWE NA MILLIYONI MAGANA ATANDATU N'ENYE N'IBIHUMBI MAGANA ANE NA MIRONGO ITATU NA KIMWE N'AMAFARANGA MAGANA ANE N'ATATU Y'URWANDA (41,604,031,403 FRW).

Amafaranga yose urwego rwegerijwe abaturage ruteganya gukoresha agabanijemo amafaranga akoresha mu Ngengo y'Imari isanzwe igenewe kwishyura Imishahara, kwishyura ibikoresho n'imirimo bihabwa urwego rwegerijwe abaturage mu kazi ka buri munsi ndetse n'amafaranga ashorwa mu mishinga y'iterambere, akwirakwiywe ku buryo bukurikira:

Article 2: Expenditures

In accordance with table "B" below, the expenditures of the NYAMAGABE District during the year 2024/2025 are valued at FORTY ONE BILLION SIX HUNDRED FOUR MILLION THIRTYONE THOUSAND FOUR HUNDRED THREE RWANDAN FRANCS (41,604,031,403 FRW).

The total expenditure of a decentralized entity is broken down into current expenditure to pay salaries and other goods and services consumed by the decentralized entity, and capital expenditure to finance the decentralized entity's development projects as follows:

Article 2 : Dépenses

Conformément au tableau "B" ci-après, les dépenses totales du District de NYAMAGABE pour la période de l'exercice fiscal 2024/2025 sont évaluées à QUARANTE ET UN MILLIARDS SIX CENT QUATRE MILLIONS TRENTÉ ET UN MILLE QUATRE CENT TROIS FRANCS RWANDAIS (41,604,031,403 FRW).

Les dépenses totales d'une entité décentralisée sont réparties en dépenses courantes pour payer les salaires et autres biens et services consommés par l'entité décentralisée ainsi que les dépenses en capita pour financer les projets de développement d'une entité décentralisée comme suit :

Imbonerahamwe "B"		Table "B"	Tableau "B"	Umubare Amount Montant
IGITERANYO				
Amafanga asohoka		Expenditure	Dépenses	41,604,031,403
21	Imishahara	Compensation Of Employees	Salaires	37,174,782,299
22	Amafanga yishyura ibintu n'imirimo	Goods And Services	Dépenses sur les biens et services	19,805,494,828
24	Kwishyura inyungu ku nguzanyo	Interests payment	Versement d'intérêts	9,542,991,353
25	Ubufasha ku bigo binuranye kuwirango bihangane n'isoko	Subsidies	Subventions	0
26	Impano zisanzwe ku bigo bya Leta	Grants and other transfers	Dons courants aux établissements publics	2,988,052,743
27	Inkunga ihabwa abarishoboye	Social assistance	Assistance sociale	4,680,122,204
28	Andi mafanga yishyurwa	Other Expenses	Autres dépenses	158,121,171
	Ibikorwa by'iterambere	Development budget	Budget de développement	4,429,249,104
31	Imari n'imigabane biri imbere mu gihugu	Domestic Financial Assets	Actifs financiers - Intérieurs	0
32	Imari n'imigabane biri hanze y'igihugu	Foreign Financial Assets	Actifs financiers - Extérieurs	0
33	Ibintu biri mu bubiko	Inventory	Avoirs en stock	
34	Imitungo iramba kandi ifatika itari imari n'imigabane	Fixed tangible non-financial Assets	Immobilisations corporelles non financiers	442,924,9104
35	Imitungo iramba idafatika	Intangible Assets	Immobilisations incorporelles	
	Kwishyura imyenda	Repayment of loans	Remboursement des dettes	0
41	Imyenda y'igihe gito yo mu gihugu	Domestic Liabilities	Dettes à court terme intérieurs	0
42	Imyenda y'igihe gito yo hanze y'igihugu	Foreign Liabilities	Dettes à court terme extérieurs	0
451	Kwishyura imyenda y'imbere mu gihugu	Repayment of LT Loans- Domestic	Remboursement des dettes à long terme intérieurs	0
452	Kwishyura imyenda ituruka hanze y'igihugu	Repayment of LT Loans- External	Remboursement des dettes à long terme extérieurs	0

Amafaranga azakoreshiwa n'urwego Details of the Decentralized Entity Les détails des dépenses d'une entité décentralisée rwegererejwe abaturage asaranganyijwe expenditures by budget lines, Second sont présentés par lignes budgétaires, Deuxième hakurikijwe imironko y'ingengo y'imari, National Strategy for Transformation Stratégie Nationale de Transformation (NST2), Gahunda yo Kwihutisha Iterambere icyiciro (NST2), by sector, by programmes and par secteur d'activité, par programme et sous-cya Kabiri, NST2, ibyiciro by'imirimu, sub-programmes and by economic programme et par classification économique porogaramu ndetse n'urwego rw'ubukungu classification are provided in annex II. conformément à l'annexe II. nkuko umugeruka wa II ubyerekanana.

Ingingo ya 3: Uburinganire bw'ingengo y'imari y'Akarere

Article 3: Consolidated Budget of the District

Article 3: Equilibre du Budget du District

Uburinganire bw'ingengo y'imari y'akarere/Umujiyi wa Kigali yinjira n'isohoka buhujiwe ku buryo buteye butya:

The consolidated Budget of the District/City of Kigali is as follows:

Equilibre du Budget du District/Ville de Kigali entre les recettes et les dépenses s'établissent comme suit:

IMBONERAHAMWE "C"	TABLE "C"	TABLEAU "C"	Umubare/ Amount/ Montant
IBITEGANIJE KWINJIZA AMAFARANGA	RESOURCES	RESSOURCES	41,604,031,403
Imisoro	Taxes	Taxes	460,747,331
Impano	Grants	Subventions	0
Amahoro	Fees	Impôts	874,288,404
Kugurisha indi mitungo	Disposal of assets	Cession de patrimoine	0
Inguzanyo	Borrowings	Emprunts	0
Inkunga zitagenewe ibikorwa byihariye	Block Grant transfers	Transferts non ciblés	3,527,303,106
Inkunga zigenewe ibikorwa byihariye	Earmarked transfers	Transferts ciblés	27,332,039,183
Izindi nkunga zikomoka mu nzego za leta n' amafaranga y' abaterankunga	Transfers from Other Government Agencies	Transferts d'autres agences gouvernementales	7,298,720,787
Amafaranga yose atarakoreshejwe/yimukanwe	All unused funds/Closing Balances	Tous les fonds non utilisés/soldes de clôture	2,110,932,592
Ibikorwa	Budgeted activities	Activités budgétisées	41,604,031,403
Ibikorwa bya buri muni	Operational costs	Dépenses opérationnelles	28,253,065,226
Ibikorwa by' iterambere	Development budget	Budget de développement	13,350,966,177
Kwishyura inguzanyo	Repayment of borrowings	Remboursement des emprunts	0

Ingingo ya 4: Amahame agenga ingengo y'imari y'Inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerajwe abaturage;

Hakurikijwe uburyo bw'ihuzwa ry'ibigize Ingingo y'Imari rusange y' urwego rwegerajwe abaturage n'amahame ateguka ko Ingingo y'Imari ihurizwa hamwe, igakoreshwa mu mwaka umwe kandi ikagaragaza ibizinjira n'ibizakoreshwa byose, Ingingo y'Imari y'urwego rw'imitegekere y'Igihugu yegerajwe abaturage ihuriza hamwe amafaranga yinjizwa n'Akarere ubwako, Inkunga ziva mu Butegetsi Bwite bwa Leta, amafaranga y'abaterankunga ndetse n'amafaranga azakoreshwa mu Ngingo y'Imari isanzwe n'igenewe gushorwa mu mishinga y'Iterambere

Article 4: Principles of the Budget of decentralized administrative entities; Article 4: Principes régissant sur le bu des entités administratives décentralis

In accordance with the concept of the unified budget, the rules of unity, universality and yearly budgeting, and for policy purposes, the budget of the decentralized administrative entity encompasses all revenues generated by the decentralized entity from its own taxes and non-taxes, income from Central Government, donor grants as well as current expenditures and capital expenditures.

Conformément au concept de budget un aux règles d'unité, d'universalité et budgétisation annuelle, et à des politiques, le budget de l'entité administr décentralisée englobe toutes les rec générées par l'entité décentralisée à part ses propres impôts et taxes, les reven gouvernement central, les subventions donateurs ainsi que les dépenses couran les dépenses d'investissement.

<u>Ingingo ya 5: Umuyobozi Mukuru</u>	<u>Article 5: Chief Budget Manager in charge</u>	<u>Article 5: Gestionnaire Principal</u>
ushinzwe gucunga ingengo y' Imari ku rwego	of the budget for the decentralized	Budget d'une entité administr
rw'imitegekere y'Igihugu yegerejwe	administrative entity;	décentralisée ;
abaturatione;		
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' urwego	The Executive Secretary of the decentralized	Le Secrétaire Exécutif une
rwegerejwe abaturatione niwe Muyobozi Mukuru	entity is the Chief Budget Manager in charge	décentralisée est le Gestionnaire Princip
ushinzwe gucunga Ingengo y'imari ku rwego	of the budget for the decentralized	Budget d'une entité administr
rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturatione .	administrative entity.	décentralisée.

Ingingo ya 6: Gahunda irambuye yo gukoresha ingengo y'imari y'umwaka

Article 6: Detailed annual expenditures plan of the budget

Article 6: Plan annuel détaillé d'exécution du budget

Mu Inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abatuye, iyo ingengo y'imari yamaze gutorwa, Umuyobozi wa Komite Nyobozi mu rwego rw'imitegekere y'Igihugu yegerejwe abatuye amenyesha inzego zemerewe ingengo y'imari, agafatanywa na zo gutegura gahunda irambuye y'uko ingengo y'imari izakoreshwa.

After the adoption of the budget of the decentralized administrative entities, the Executive Committee Chairperson of the entity shall inform the organs which are entitled to budget and shall, in conjunction with the organs, prepare a detailed expenditures plan of the budget.

Umuyobozi wa Komite Nyobozi mu rwego rw'imitegekere y'Igihugu yegerejwe abatuye, abyumvikanyeho n'abandi bagize Komite Nyobozi y'urwo rwego, atanga uburenganzira bwo gukoresha amafaranga akurikije uko amafaranga yinjira n'uko asohoka na gahunda z'ibigomba kwitabwaho mbere y'ibindi.

The Executive Committee Chairperson of the entity, in consultation with members of the Executive Committee of that entity, shall authorize the use of the expenditure depending on revenues and expenditures and the priorities.



Ingingo ya 7: Gukoresha amafaranga adateganyijwe

Birabujijwe gukoresha amafaranga adateganyijwe mu ngenzo y'imari aho yava hose.

Ingingo ya 8: Ifatwa ry'icyemezo cyo

kwishyura

Nta mafaranga yishyurwa hatarabarije gutatwa icyemezo mbere kigaragaza ko azishyurwa.

Umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga Ingingo y'Imari y' urwego rwegerewe abaturage agomba kugenzura ko inyemezabuguzi zose zakiriwe n' urwego rwegerewe abaturage zikandikwa mu bitabo byabigenewe mu gihe kigenwe, akanashyikiriza mu buryo bw'ikoranabuhanga. Minisiteri ifite Imari mu nshingano zayo ibyangombwa byuzuye bisaba ko izi nyemezabuguzi zishyurwa, itariki yo kwishyura itararenge.

Article 7: Extra budgetary expenditures

It is strictly prohibited to incur extra budgetary expenditures whatever their source.

Article 8: Prior commitment to pay

No payment shall be made without prior commitment to pay has been established.

The Chief Budget Manager is responsible for ensuring the prompt acknowledgment, thorough review, and accurate recording of all invoices received by the decentralized entity in the designated registers within the specified timeframe. Furthermore, they must oversee the timely submission of payment requests to the Ministry of Finance through the electronic system, ensuring this process is completed well in advance of the payment due date.

Article 7 : Dépenses extrabudgétaires

Il est strictement interdit de faire des dépenses extrabudgétaires quel que soit leur mode financement.

Article 8: Engagement préalable au paiement

Aucun paiement ne peut être effectué, sans engagement préalablement établi.

Le Gestionnaire Principal du Budget est responsable de s'assurer de la réception et l'enregistrement dans les délais impartis toutes les factures reçues par une entité décentralisée. Il doit également soumettre toutes les demandes de paiement électronique à la manière électronique les demandes de paiement au Ministère en charge des finances avant la date de déchéance du paiement.

Ingingo ya 9: Ububasha bwo kuguzza mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;

Article 9: Authority to borrow in the decentralized administrative Entities;

des Entités Administratives Décentralisées ;

Mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, Inama Nyanama y'urwego rwegerejwe abaturage ishobora gufata gusa imyenda yo gushora mu mishinga y'amajyambere hakurikiye itegeko rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'uturere n'Umujyi wa Kigali n'ikoreshwa ryayo.

In the decentralized administrative entities, the Council of each entity may borrow loans for development projects only in accordance with the law establishing the source of finances and property of Districts and the City of Kigali and their use.

Au niveau des Entités Administratives Décentralisées, le Conseil de chaque entité ne peut contracter les prêts que pour le financement des projets de développement conformément à la loi portant finances des districts et de la Ville de Kigali et régissant leur utilisation.

Inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage ntizifite ububasha bwo gutanga no kwemeza ingwate z'inguzanyo ku mutungo rusange wazo.

The organs of decentralized administrative entities do not have powers to give and approve securities on their general property.

Les entités administratives décentralisées n'ont pas le pouvoir de fournir ni d'approuver des garanties sur leur domaine public.

Ingingo 10 : Itangwa ry'uburenganzira bwo kwimura amafaranga avanwa ku ngingo aryanwa ku yindi mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage;

Article 10: Authorization of reallocation of funds from one budgetary line to another in decentralized administrative entities;

Article 10 : Autorisation de virement d'un poste à l'autre applicable aux budgets d'entités administratives décentralisées ;

Ku bireba inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, afatanyije na Minisitiri ufitse inzego z'ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze n'abahagarariye inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, Minisitiri ufitse imari mu nshingano ze agena imirongo mikuru yerekeye uburyo bukoreshewa mu kuvana amafaranga ku ngingo ashyirwa ku yindi mu ngenzo y'imari y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage. Inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage zishyiriraho amabwiriza agenga ibyo kwimura amafaranga ku ngingo z'ingenzo y'imari aryanwa ku zindi.

In conjunction with the Minister in charge of Decentralized administrative entities and representatives of decentralized administrative entities, the Minister in charge of finance shall provide guidelines relating to procedures of reallocation of funds from one budgetary line to another in decentralized administrative entities' budgets. Decentralized administrative entities shall issue instructions governing reallocation of funds from one budgetary line to another.

En collaboration avec le Ministre ayant la charge des entités administratives décentralisées dans ses attributions et les représentants des Entités Administratives Décentralisées, le Ministre ayant les finances dans ses attributions édicte des mesures générales concernant les virements d'un poste à l'autre applicables aux budgets des Entités Administratives Décentralisées. Les Entités Administratives Décentralisées édictent les directives concernant les virements.

Hatitawe ku biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, kwimura amafaranga ku ngingo uyashyirira ku zindi ntibyemwe hagati y'ingingo z'imishahara n'ibiyana nayo n'ibindi byiciro by'ingengo y'imari isanzwe keretse byemejwe n'Inama Nyanama y'urwo rwego rw'imitegekere y'Igihugu yegerejwe abaturage

Notwithstanding the provisions of paragraph one of this article, reallocation of funds from one budgetary line to another is not allowed between the salary and allowances line and other line of recurrent expenditure categories except where approved by the Council of such a decentralized administrative entity. Sous réserve des dispositions de l'aliné premier du présent article, aucun virement n'est autorisé entre les salaires et d'autres avantages y relatifs vers d'autres catégories de fonctionnement du budget ordinaire, sans l'accord du Conseil de l'Entité Administrative Décentralisée.

Ingingo ya 11: Ihagarikwa ry'uburenganzira Article 11: Closing date of payment of Article 11: Clôture des opérations de
bwo kwishyura n'ubwo gushora amafaranga funds and expenditures commitment paiement et des engagements de dépenses

Kwishyura amafaranga agenwe mu ngengo Payment of funds provided in the Les paiements rattachés au budget 2024/2025
y'imari y'umwaka wa 2024/2025 byemewe 2024/2025 budget shall be allowed until sont autorisés jusqu'au 30 Juin 2025 tandis que
kugeza ku itariki ya 30/06/2025, ariko June 30, 2025 but expenditures les engagements de dépenses sont clôturés au
kwemererwa uburenganzira bwo gushora commitment shall end on May 30 of the 30 Mai de la même année sauf exception
amafaranga azakoreshwa bihagarikwa kuva kuva same year unless authorized by the spécifique autorisée par le Ministre ayant les
30 Gicurasi k'wo mwaka, keretse bitangwe Minister in charge of finance and finances et la planification économique dans
uruhushya rusobanura impamvu yabyo na economic planning. ses attributions.
Minisitiri ufite imari n'igenamigambi mu
nshingano ze.

Ingingo ya 12: Ingingo z'amategako

Article 12: Abrogating provision;

Article 12: Disposition Abrogatoire ;

Zivanyaho ;

Ingingo zose z'amategako n'ibyemezo zibanziriza
iki cyemezo byemejwe n'Akarere ka Nyamagabe
kandi zinyuranyije nacyo zivanyweho

All previous legal provisions approved
by the District of Nyamagabe contrary to
this decision are abrogated

Toutes les antérieures dispositions légales
approuvées par le Conseil du District de
Nyamagabe contraires à la présente décision
sont abrogées

Ingingo ya 13 : Igihe icyemezo gitangira
Gukurikizwa

Article 13: Commencement of the Article 13: Entrée en vigueur de la décision
decision

Mu rwego rwo kudakorera mu bwiru no To increase transparency and Pour accroître la transparence et la kumenyesha abaturage ibibakorerwa, ingengo accountability of the budget to the responsabilité du budget vis-à-vis des citoyens, y'imari n'izindi nyandiko ziyiherekeje zimaze citizens, the approved decision and other la décision approuvée et les autres documents gutorwa no gushyirwaho umukono n'Inama related budget documents should be budgétaires connexes devraient être publiés et Njyanama zishyirwa ku rubuga rw'akarere published and available on district disponibles sur le site web du district et celui n'imirenge bitarenze itariki ya 15 Werurwe website of both district and des secteurs administratifs au plus tard le 15 2025. administrative sectors not later than 15th Mars 2025.

March 2025.

Ingingo ya 14: Itegurwa n'isuzumwa ry'iki
cyemezo

Article 14: Draft and consideration of Article 14: Initiation et examen de la
this decision présente décision

Iki cyemezo cyateguwe, gisuzumwa kandi gitorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This decision was drafted, considered La présente décision a été initiée, examinée et and adopted in Kinyarwanda. adoptée en Kinyarwanda.

Nyamagabe, kuwa 26 Gashyantare 2025


Nyamagabe, on 26 February 2025


Nyamagabe, le26 Fevrier 2025


Umunyamabanga w’Inama Niyamama

The Secretary of the District Council

La/Le Secrétaire du Conseil du District


Digitally signed by
Abraham UWIMANA
Date: 2025.02.27
14:29:54 +02'00'


Digitally signed by
Abraham UWIMANA
Date: 2025.02.27
14:30:27 +02'00'


Digitally signed by
Abraham UWIMANA
Date: 2025.02.27
14:31:06 +02'00'

(Amazina y’ Umunyamabanga)


(Names of the Secretary)

(Noms du Secrétaire)

Umuyobozi w’Inama Niyamama


The Chairperson of the District Council

La Président du Conseil du District

(Umukono)

UURUKORO CEBIKURU

(Names of the Chairperson)


(Noms du/de la Président (e))



Bishyizweho Kashe y’Inama Niyamama
y’Akarere ka Nyamagabe

Sealed with the Seal of the District
Council of Nyamagabe

Scellé du Sceau du Conseil de District de
Nyamagabe



INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA NYAMAGABE

IBIPIMO BY' IMISORO N' AMAHORO BIZAGENDERWAHO MU GUSORESHA MU MWAKA W' INGENGO Y' IMARI 2023/2024
NK' UKO BYEMEJWE N' INAMA NYANAMA Y' AKARERE KA NYAMAGABE

Ibi bipimo by' imisoro n' amahoro bigabanyije mo ibice bitatu by' ingenzi bikurikira:

1. Amategeko, amateka n' amabwiriza yifashishijwe mu gutegura iyi tarifu
2. Imisoro yeguriwe inzego z' imitegekere y' igihugu zegerejwe abatwaga
3. Amahoro yakwa n' inzego z' imitegekere y' igihugu zegerejwe abatwaga

I. AMATEGEKO N' AMATEKA YIFASHISHIWE MU GUTEGURA IYI TARIFU

- a. Itegeko n° 048/2023 ryo ku wa 05/09/2023 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z' imitegekere y' igihugu zegerejwe abatwaga.
- b. Itegeko N°48/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga ibidukikije
- c. Iteka rya Perezida n° 075/01 ryo ku wa 04/12/2023 rishyiraho amahoro yakwa kuri serivisi no ku byemezo bitangwa n' inzego z' imitegekere y' igihugu zegerejwe abatwaga.
- d. Iteka rya Minisitiri no 002/23/10/TC ryo ku wa 24/11/2023 rigena ibipimo fatizo n' ibindi bikurikizwa mu gushyiraho igipimo cy' umusoro wishyurwa kuri metero kare y' ubuso bw' ubutaka.
- e. Amabwiriza n° dgo/REG/003 yo kuwa 25/04/2022 agenga ubucuruzi bw' inyama mu rwanda

A handwritten signature in blue ink, consisting of stylized, cursive letters.

2. IMISORO YEGURIWE INZEGO Z'IMITEGEKERE Y'IGIHUGU ZEGEREIWE ABATURAGE:

2.1. Umusoro w'ipatanti

2.2. Umusoro ku mutungo utimukanwa

2.3 Umusoro ku mutungo utimukanwa ugurishijwe

2.4. Umusoro ku nyungu z'ubukode

2.1. UMUSORO W'IPATANTI

Umusoro w'ipatanti » bivuga umusoro uciwaga ku bikorwa by'ubucuruzi bikorerwa mu mbago z'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abatwage.

Uyu musoro utangwa ku buryo bukurikira:

Abarokoreye (buri umusoro)	Umusoro ku mwaka/igihumbwe
Hejuru ya 50.000.000.000	2.000.000/500.000
Kuva 25.000.000.000	Kugera 50.000.000.000 1.500.000/375.000
Kuva 10.000.000.000	Kugera 25.000.000.000 1.000.000/250.000
Kuva 200.000.000	Kugera 1.000.000.000 500.000/125.000
Kuva 20.000.000	Kugera 200.000.000 280.000/70.000
Kuva 12.000.000	Kugera 20.000.000 160.000/40.000
Kuva 7.000.000	Kugera 12.000.000 120.000/30.000
Kuva 2.000.000	Kugera 7.000.000 100.000/25.000

Ibikorwa bitabwara Inyungu	Umusoro umwaka/Igihembwe
Ibikorwa byo mu muji bitanditse ku musoro ku musaruro	60.000/15.000
Ibikorwa byo mu cyaro bitanditse ku musoro ku musaruro	30.000/7.500
Gutwara abantu mu modoka y'umuntu ku giti cye	40.000/10.000
Gutwara abantu cyangwa ibintu mu bwato	20.000/5.000
Gutwara abantu cyangwa ibintu kuri moto	8.000/2.000

2.2. UMUSORO K'UMUTUNGO UTIMUKANWA

Ni umusoro umunyekanishwa kandi ugatangwa na nyir' umutungo utimukanwa, nyir' uburagizwe cyangwa undi muntu ufatwa nka nyir' umutungo.

Nk'uko biteganywa mu ngingo ya 16 y'itegeko n° 048/2023 ryo ku wa 05/09/2023 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzeho z'itegekere y'Igihugu zegereje abatwaga, mu gika cya (3) Iteka rya Minisitiri ufitwe imisoro mu nshingano rigena ibipimo fatizo n'ibindi bikurikizwa n'Inama Nyanama y'Akarere n'iy'Umujyi wa Kigali mu gushyiraho igipimo cy'umusoro kivugwa mu gika cya (1)(a) cy'iyi ngingo.

Uyu ni umusoro ugizwe n' ibice bibiri by'ingenzi aribyo:

a. Umusoro w' ubutaka

Inyito y' ahantu	Icyo ubutaka bwagenewe gukoresha	Ibipimo byari bisanzwe bikoresha kuri m2	Ibipimo biteganywa n'itegeko rishya (range).	Amafaranga yishyurwa kuri meterokare y' ubutaka
Santeri y'ubucuruzi, Umujyi muto w'icyaro, santeri y'inkengeri z'umujyi na	Ahagenewe ubuhinzi n'ubworozi (hejuru ya 2ha)	0.4 frw/m2	0 kugeza kuri 0,4	0.4FRW/m ²
	Ahagenewe guturwa	30 frw/ m2	5 kugera 20	20FRW/m ²
	Ahagenewe ubucuruzi cyangwa inganda	50 frw/m2	10 kugera 20	20FRW/m ²
	Icyanya cy'imyidagaduro	0frw/m2	10 kugera 20	10FRW/m ²

Handwritten signature

santeri yo mu gace				
	Ahagenewe ubuhinzi n'ubworozi (hejuru ya 2ha)	0.4 frw/m ²	0 kugeza kuri 0,4	0.4Frw/m ²
Ahantu h'icyaro	Ahagenewe guturwa	5 frw/m ²	0 kugera 5	5Frw/m ²
	Ahagenewe ubucuruzi cyangwa inganda	5 frw/m ²	5 kugera 10	10Frw/m ²
	Icyanya cy'imyidagaduro	0 frw/m ²	5 kugera 10	10Frw/m ²

b. Umusoro ku nyubako

Icyo ubutaka bwagenewe gukoresha	Igishyingirwaho/ bases	Urwego rw'inyubako	Ijanisha/rate
Gutura (site zatunganyijwe)	Agaciro ku isoko k'inyubako n'ak'ikibanza		0.5%
Ubucuruzi	Agaciro ku isoko k'inyubako n'ak'ikibanza		0.3%
Ubucuruzi buto n'ubuciriritse	Agaciro ku isoko k'inyubako n'ak'ikibanza		0.1%
Inganda	Agaciro ku isoko k'inyubako n'ak'ikibanza	Inyubako igeretse gatatu	0.1%
Gutura	Agaciro ku isoko k'inyubako n'ak'ikibanza	Inyubako irengeje amagorofa atatu	0.25%
Gutura	Agaciro ku isoko k'inyubako n'ak'ikibanza		0.1%

2.3. UMUSORO K'UMUTUNGO UTIMUKANWA WAGURISHIWE

Icyo ubutaka bwagenewe gukoreshwa	Igishyiringirwaho/ bases	Urwego rw' inyubako	Ijanisha/rate
Ubucuruzi	Igiciro cy' igurisha iyo ugurishije ari usora wanditswe ku umusoro ku nyungu havuyemo 5,000,000		2%
Icyo ubutaka bwagenewe gukoreshwa icyo ari cyo cyose	Igiciro cy' igurisha iyo ugurishije ari usora utanditswe ku umusoro ku nyungu havuyemo 5,000,000		2.5%

2.4. UMUSORO KUNYUNGU Z'UBUKODE

Umusoro ku nyungu z'ubukode ucibwa ku nyungu umuntu ku giti cye cyangwa undi muntu wese utishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete abona ituruse ku bukode bw'umutungo utimukanwa uri mu Rwanda.

UKO UYU MUSORO UTANGWA:

KUVA	KUGERA	IJANISHA
0	180,000 Frw	0%
180,001 Frw	1,000,000Frw	20%
1,000,001 Frw	Gukomeza	30%

III. AMAHORO YAKWA N' INZEGO Z' IMITEGEKERE Y' IGIHUGU ZEGEREJWE ABATURAGE



1. Amahoro yakwa ku ikoresha ry'umutungo rusange wa Leta

Anahoro yakwa ku ikoresha ry'umutungo rusange wa Leta ni amahoro kuri parikingi rusange n'amahoro y'isoko.

1. A. Amahoro kuri parikingi Rusange/kumuhanda

	Isaha	Umusi	Ukwezi
(a) imodoka nto	200	1000	15,000
(b) ikamyo nto na minibisi	300	1500	20,000
(c) ikamyo nini idafite rumoroki, bisi nini na za taragiteri	500	2,500	25,000
(d) ikamyo ifite rumoroki n'imashini nini zikoresha mu mirimo yo kubaka inzu cyangwa imihanda:	1,000	5,000	30,000

1. B. Amahoro kuri parikingi Rusange/ muri gare

(a) imodoka itwara abagenzi muri rusange ifite ibyicarwo bitarenze 18 n'amavati akora tagisi	-	500	0
(b) imodoka ifite ibyicarwo 19 kugeza kuri 30 itwara abagenzi muri rusange		1,000	
(c) imodoka ifite ibyicarwo 31 kugeza kuri 50 itwara abagenzi muri rusange		2000	
(d) imodoka ifite ibyicarwo bitarenze 50 itwara abagenzi muri rusange		5000	
(e) imodoka idatwara abagenzi muri rusange yishyura buri uko yinjijye muri parikingi rusange		200	

1. C. Amahoro kuri parikingi zihariye (umuntu ku giti cy'e, cyangwa iyurwego rwa leta)

(a) imodoka nto	200	1,000	15,000
-----------------	-----	-------	--------

(b) ikamyo nto na minibisi	300	1,500	20,000
(c) ikamyo nini idafite rumoroki, bisi nini na za taragiteri:	500	2,500	25,000
(d) ikamyo ifite rumoroki n'imashini nini zikoresheha mu mirimo yo kubaka inzu cyangwa imihanda	1,000	5,000	30,000
2. Amohoro yakwa k'Ubucuruzi bw'amatungo			
Ibipimo by'amahoro y'isoko yakwa ku bucuruzi bw'amatungo bishyizweho ku buryo bukurikira:			
a, Inka	3,000		
b, Ingurube	700		
c, Intama	500		
d, Ihene	500		
3. AMAHORO YAKWA KUMABAGIRO			
Kubagira amatungo mu ibagiro ry'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerewe abaturage byishyurirwa amahoro ku buryo bukurikira:			
a. Inka	2,000		
b. Ihene	500		
c. Ingurube	1,000		
d. Intama	500		

B

4. GUSHYINGIRWA IMBERE Y' UBUTEGETSI

Umuntu ushaka gushyiringirwa imbere y'ubutegetsi ku muni unyuranye n'uwagenwe n'Inama Nyanama y'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerewe abatwage.

50,000

5. Ibipimo by'amahoro yakwa kuri serivisi, impushya n'ibyemezo

(a) ku buso bw'ubutaka bwubakwaho mu kibanza butarenze m2 100;

20,000

(b) ku buso bw'ubutaka bwubakwaho mu kibanza buhera hejuru ya m2 100 kugeza kuri m2 200;

100,000

(c) ku buso bw'ubutaka bwubakwaho mu kibanza buhera hejuru ya m2 200 kugeza kuri m2 500;

150,000

(d) ku buso bw'ubutaka bwubakwaho burenze m2 500.

200,000

Ibipimo by'amahoro bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ni na byo bikoresha kuri serivisi zo kongerasha igihe cy'urushya rwo kubaka cyangwa izo guhindura impamvu zashyingiweho mu gusaba urushya

6. Inyandiko, ibyemezo na serivisi

(a) inyandiko y'irangamimerere

1,500

(b) inyandiko ihinnye y'irangamimerere

1,000

(c) ikarita ndangamuntu

500

(d) icyemezo gisimbura ikarita ndangamuntu yatakaye

3,000

(e) icyemezo cy'amavuko:

500

(f) icyemezo cy'uko umuntu yashyngiwe:

500

(g) icyemezo cy'uko umuntu ari ingaragu	500
(h) icyemezo cy'uko umuntu yatandukanye n'uwo bashyigiranywe	500
(i) serivisi yo kugurisha mu cyamunara itanzwe n'umuhesha w'inkiko utari uw'umwuga ku mitungo itimukanwa	5000

7. Inyandiko zishyizweho umukono na noteri wa Leta

(a) kwemeza ko inyandiko ari impamo	1500
(b) kwemeza ko kopi y'inyandiko ihuye n'iy'umwimerere	1500
(c) guhanya imikono	1200
(d) gushyira umukono wa noteri kuri sitati kuri buri rupapuro	500
(e) gushyira umukono wa noteri ku masezerano ayo ari yo yose kuri buri rupapuro	500
(f) gutanga izindi nyandiko z'umunoteri ziteganywa n'amategeko kuri buri rupapuro	500

8. Ibyapa byamamaza

1. Ibyapa byamamaza hadakoreshejwe ikorana buhanga kuri meterokare (m ²)	10000
2. icyapa cyamamaza hakoreshejwe ikoranabuhanga	100,000
3. Ibindi byapa byamamaza byanditseho ubutumwa budahoraho bikorwa ku buryo budahoraho bisabirwa uruhushya ku rwego rubifitiye ububasha. Amafaranga yishyurwa ku munsi	5,000
4. Iyo icyapa cyamamaza ku mpande zombi, buri ruhande rwishyurwa anahoro ukwarwo	10,000 / ku mwaka
5. Ikoreshwa ry'indangururamajwi mu kwamamaza. Habanza gusabwa uruhushya rwihariye ku urwego rubifitiye ububasha	10,000
9. Ikoreshwa rya banderore ku munsi	7,500

AS

10. Uburyo bwo kwamamaza budateganyijwe muri iri teka

1. Igipim cy'amafaranga yakwa nk'amahoro ku buryo bwo kwamamaza budateganyijwe mu iteka. Bisabirwa uruhushya rwihariye ku urwego rubifitiye ububasha/ ku umunsi

Igipimo ntarengwa cy'amafaranga yakwa nk'amahoro ku buryo bwo kwamamaza budateganyijwe mu iteka. Bisabirwa uruhushya rwihariye ku rwego rubifitiye ububasha/ igihembwe

11. Iminara y'itumanaho

(1) Igipimo ntarengwa cy'amafaranga yakwa nk'amahoro ku minara y'itumanaho / kuri buri metero imwe y'ubujyejuru ku mwaka.

(2) Iyo umunara ushinze ku nyubako cyangwa ku kindi kintu gituma ubujyejuru bwawo bwiyongera, uburebure bw'icyo nyubako cyangwa ubw'icyo kintu na bwo burabarwa mu kugena uburebure bwishyuzwa. Uburebure bw'icyo umunara ushinzeho bubarirwa kuri metero imwe y'ubujyejuru ku mwaka.

12. Ubucuruzi bwo gutwara ibikomoka kuri kariyeri

Igipimo ntarengwa cy'amafaranga yakwa nk'amahoro, kuri buri nshuro imodoka ipakiye, ku bucuruzi bwo gutwara ibikomoka kuri kariyeri / kuri m3 y'ibikomoka kuri kariyeri biri mu modoka.

13. Ubucuruzi bwo gupakira amatafari cyangwa amategura

Amahoro yakwa imodoka itwaye amatafari ,yishyurwa buri uko itwaye/m3

Amahoro yakwa imodoka itwaye amategura ,yishyurwa buri uko itwaye/m3

